“Yesu Kristo ntahinduka, none, ejo, n’iteka ryose” (Abaheburayo 3:18).

# Urwandiko ruzenguruka Ukwezi kwa 4/ 2017

**Inyandiko ya Yubire**

**Umaze imyaka 55 akor’akoreshwa n’Imana**

Ndaramutsa mbikuye ku mutima benedata na bashiki banjye ku isi yose mu Izina ry’agaciro ry’Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo yo mu Byahishuwe 1:1:

*“Ibyahishuwe bya Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma marayika we, na we akabimenyesha imbata ye Yohana”.*

Intumwa Yohana ni yo wahishuriwe ibijyanye n’ubuhanuzi byo mu mugambi w’agakiza. Intumwa Pawuro yo, yahishuriwe ibyagombaga kuba byose mu gihe cy’ubuntu kugeza ku kugagaruka kwa Kristo.

Pawuro yashoboraga kwandika ati : « *Ndashimira uwankomeje, ari we Yesu Kristo Umwami wacu, kuko yabonye ko nd’uwo kwiringirwa akanshyira mu murimo » (1Tim. 1 :12). Nanjye nshobora kuvuga nka we. Kandi ibi na byo ni ukuri : « Kandi Imana yashyize mu Itorero mbere na mbere intumwa, ikurikizaho abahanuzi, n’abigisha, hanyuma n’abafite impanoyo gukora ibitangaza,n’abafite impano yo gukiza indwara…* » (1Abakor. 12 :28).

Umwami Imana ni w’ubwe washyize abakozi mu Itorero rye, nk’uko byari byarateganijwe mu mugambi we w’agakiza. Mu gihe cyacu, ubukozi budasanzwe bwa mwenedata Branham bwagize akamaro cyane mu mateka y’agakiza y’itorero ku isi yose, kandi ni bwo bukozi bwanyujijwemo ubutumwa bubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo.

Uwiteka yabwiye Yeremiya ati : « *Ntuvuge uti nd’umwana*. (Nari mfite imyaka 29). *Kuko uzajya ku bo nzagutumaho bose, kandi uzavuga ibyo nzagutegeka byose… Warebye neza ; kuko ndi maso ku Ijambo ryanjye kugira ngo ndisohoze… Bazakurwanya, ariko ntibazakunesha, kuko ndi kumwe nawe kugira ngo nkurokore*.» (Yer.1 :7,12,17).

Umutambyi mukuru Yosuwa yarabwiwe ati : « *uku ni ko Uwiteka Nyir’Ingabo avuga : « nugendera mu nzira zanjye ukitondera amategeko yanjye, uzacira imanza abo mu nzu yanjye kandi uzarinda amarembo yanjye, kandi nzaguha kwishyira no kwizana mu bari hano* » (Zak.3 :7).

Ni ukuri, Imana yahishuriye abahanuzi n’intumwa ibya yari yaragambiriye ku bw’abahungu n’abakobwa bayo uhereye mu iteka ryose – na none yarabiduhishuriye natwe mur’iyi minsi ya nyuma. Ijambu n’umugambi w’Imana wose nta gihe na kimwe byigeze bihishirwa mu buryo busobsnutse nk’uko byahishuwe mur’iki gihe cyacu.

Mu nzandiko zizenguruka nyinshi, nagiye mvuga ku byagiye biba mur’iyi myaka yose, kandi nasobanuye imyimenyerezo yihariye ijyanye n’ubukozi nahawe n’Umwami ubwe, tariki 2/4/1962.

Kubera ko benedata bari mu murimo babinsabye, nongeye kuvuga muri make ku bintu bimwe na bimwe byambayeho ubwanjye. Nk'uko mubizi, navutse mu kwezi kwa 12/1933 mu ntara ya Dantsig yahoze cyera muri Budage bwo mu burengera-zuba. Tumaze guhunga intambara hamwe n'ababyeyi n'abavandimwe banjye, mu kwezi kwa mbere 1945, twagiye gutura mu Budage bwo mu majyaruguru uhereye mu kwezi kwa gatatu 1945. Guhera mu mwaka wa 1947, nakunze kujya mu biterane by'ivugabutumwa no mu materaniro mpuzamahanga ya gikristo, cyane cyane mu murwa w'i Hamburu. Mu mwaka wa 1948, ni bwo nizeye, mbatizwa no mu mazi, maze mu mwaka wa 1949 mbatizwa mu Mwuka-Wera, negurira ubugingo bwanjye Umwmi n'Umucunguzi wanjye Yesu Kristo.

Nakomeje kujya nsura amateraniro yo mu Itorero ry'abapantekote ryitwa «Elim», ryari ku murenge witwa Bach no mu rindi Torero ry'abapantekote ryigenga ryari ku murenge witwa Eimsbütteler mu murwa wa Hamburg. Nyuma y'intambara, Umwuka-Wera yakoreraga cyane cyane mu mpunzi ; Umwuka-Wera yakundaga kubamanukira, kugez'aho itorero ryose ryashoboraga guhimbaza Umwami mu ndimi, mu bwuzuzanye rwose mu gihe cy'amasengesho.

Ndi mu giterane cy'abapentekote mu mwaka w'1949, ni bwo numvise bwa mbere inkuru ya William Branham, bivugwa n'umuvugabutumwa w'umunyamerika witwa Hal Herman, umwewahoze ar'umunyamakuru wa gisirikare, wafashe filimi y'imyirare ya Hiroshima na Nagasaki nyuma y'uko haterwa ibisasu bya kirimbuzi. Nyuma yaho gato, undi witwa Albert Goetz nawe yanditse juri W. Branham mu kinyamakuru cye cyitwa « Mehr Licht », avuga ku mirimo itangaje ikorerwa mu bukozi bwe. Goetz na none yaje gukwirakwiza mu rurimi rw'ikidage agatabo ka Gordon Lindsay yise « Willim Branham, umugabo watumwe n'Imana ».

Guhera mu mu kwezi kwa 01/1952, naje gutura i Krefeld. Hano hari agatorero gato k'abapantekote bigenga, aho najyaga nsabwa kubwiriza rimwe na rimwe. Nyuma yo gusoma igitabo cya Gordon Lindsay « *William Branham, umugabo watumwe n'Imana* », havutse muri jye icyifuzo cy'uko namwiyumvira ubwanjye.

Mu kwezi kwa 08/1955, ni bwo nashoboye kwibonera ibiterane byuzuye umugisha bya mwenedata Branham i Karlsruhe. Kwiyoroshya kwe no kwicisha bugufi kwe byankoze ku mutima. Mur'ayo materaniro twiboneye impano yo gukiza abarwayi iherekejwe n'iy'ubuhanuzi, yatumaga aherako yerekwa ibyo Imana yamuhishuriraga ako kanya mu buzima bw'abarwayi babaga bari ku murongo baje kugira ngo abasengere. Ubukozi bumeze nk'ubw'Umwami wacu, nk'uko buvugwa mu bitabo by'ubutumwa bwizo muri Bibiliya, bwasohoreye mu maso yacu : koko tubyibonera, impumyi zarahumukaga, ibimuga byarakiraga, n'abantu barwaye bikomeye bagakira. Ubutumwa bwuzuye bwa Yesu Kristo bwarabwirizwaga, Imana ikabuhamirisha ibimenyetso n'ibitangaza byabuherekezaga (Mariko 16 :20). Uhereye ku munsi wa mbere, nahereyeko menya ndashidikanya ko nta muntu ushobora gukora bene iyo mirimo Imana itari kumwe nawe. Ayo materaniro yari ameze nk'amwe yo mu minsi ya Bibiliya. Niboneye imbona nkubone iminsi nk'imwe yo mu gihe cy'intumwa mu kwezi kwa 08/1945 i Karlsruhe, nabaye umuhamya wabyiboneye kandi wabyiyumviye.

Nari nzi neza imyigishirize inyuranye ku byo kwizera no kubatiza iri mu matorero.
Ni yo mpamvu byari ngombwa cyane kuri jye kumenya ibyo uwo mukozi w'Imana yizeraga n'ibyo yigishaga, kuko Imana yahamiriza ako kanya Ijambo yabwirizaga imbere y'imbaga y'ibihumbi byinshi by'abantu. Icyo cyifuzo cyatumye njya mu materaniro akomeye y' « ijwi ryo gukiza indwara/voice of healing » yabereye i Dalasi muri Tegizasi y'Amerika, guhera tariki 6 kugeza 15/6/1958 yateguwe na Gordon Lindsay. Mu materaniro ya mu gitondo na nyuma ya

saa sita, havugaga abavugabutumwa b'ibyamamare, byagera nimugoroba mwenedata Branham akaba ari w'ububwiriza. Ibyo byatumwe mfata umwanzuro. Nyuma y'iminsi itatu, nari namaze kumenya neza ko Imana ubwayo ari yo yarimo guhamiriza ubukozi bwa mwenedata Branham, akaba ari byo byamutandukanyaga n'abandi bavuga butumwa bose.

Mbere y'amateraniro ya nimugoroba yo ku wa 12/6/1958, nifuje kuvugana nawe, ndamwegera ndamubwira nti : « mwenedata Branham, ndabona itandukaniro hagati yawe n'abandi bavugabutumwa. Ndifuza rero kumenya ibyo wizera n'ibyo wigisha. » Yaransubije ati : « hari ubutumwa nahawe ngomba kujyana. Genda urebe Leo Mercier, ni we ushinzwe gushyira ibibwirizwa ku mfatamajwi, umubwire agire izo aguha».

Tugiye kurangiza ikiganiro, yarambwiye ati : « mwenedata Frank, uzasubira mu Budage ujyanye ubu butumwe ». Icyo gihe nari maze imyaka ibiri n'igice nimukiye muri Kanada. Bwar'ubwa mbere numva ijambo « ubutumwa/message ». Turangije kuvugana, twarahoboranye bya kivandimwe. Bukeye bwaho, nagiye kureba Leon Mercier, ampa imfatamajwi eshanu ziriho ibibwiriwa bya mwenedata. Nahereyeko mbaha aderesi yanjye, maze uhereye icyo gihe bakomeje kujya banyohererezaga buri kibwirizwa mwenedata Branham yabaga yabwirije.

## Icyiciro gishya

Nyuma yaho gato nagarutse gutura i Krefeldi, nsubira ku murimo wanjye w'ivugabutumwa nari narasubitse ubwo nimukiraga muri Kanada mu mwaka w'1956. Mu kwezi kwa 10/1959, Umukuru w'itorero ry'abapentekote bigenga yaje i Krefeldi, atwihanangiriza mu ruhame ko dukwiye kwirinda Branham n'inyigisho ze. Ku bwanje n'abandi benedata na bashiki bacu bake, twari cumi na bane, igihe cyari kigeze cyo gusohoka mur'iryo torero. Twahereyeko dutangira guteranira mu nzu, ari na ho natangiriye gusemura ikibwirizwa cya mbere cya mwenedata Branham, mu kwezi kwa 12/1959.

Umwami yatugiriye ubuntu ku buryo twagombye gukodesha bidatinze icyumba cyashoboraga guteraniramo abantu 70. Nyuma yaho gato na none, tugomba gukodesha ahandi hakiraga abantu 120. Nyuma na none twagombye gukodesha ahantu hashobora kwakira abantu 240, kubera ko abandi benedata bo mu yindi mirwa bazaga kwifatanya natwe. Mu kwezi kwa 4/1974, ni bwo twashoboye gutaha ahantu hacu bwite ho gusengera, hafite imyanya yo kwicara 750. Mur'iyo myaka yose, ni nako najyaga nsobanura mu materaniro ibibwirizwa bya mwenedata Branham bakomezaga kunyohererezа ku mfatamajwi. Uko ni ko twashoboye gukomeza gukura neza mu mwuka mu iteraniro ryacu.

Mwese muzi neza ibyo Imana yankoreye mu materaniro ya mwenedata Branham, haba ari mu w'1955, mu w'1958 cyangwa mu w'i 1962, n'ibiganiro nagiye ngirana na we. Inzandiko 21 mwenedata yanyandikiye hagati y'itariki 11/11/1958 n'iya 30/9/1965 nazo ni ubuhamya by'ubumwe n'ubusabane byihariye nagiranye n'uwo mugaragu w'Imana.

**Uyu wabaye umunsi Umwami yatoranije**
**Utarahamagawe ntiyatumwa –**
**Nta watumwa atarahamagawe**

Ku cyumweru tariki 2/4/2017, hari hashize imyaka 55 uhereye umunsi Umwami Nyir'ukwiringirwa yampamagayeho, nk'uko yabishatse kandi bihuje n'umugambi we w'agakiza. Pawuro yahamirije umuhamagaro we inshuro eshatu, cyane cyane mu Byakozwe n'intumwa 9, Ibyakozwe n'intumwa 22 no mu Byakozwe n'intumwa 26. Mwenedata Branham na we yahamirije umuhamagaro we kenshi. Abagiriwe ubuntu n'Imana barizeye, na ho abandi bo babica kuruhande. N'uyu munsi ni ko bikimeze. Intumwa Pawuro yimenyekanishaga mur'ubu buryo: « *Pawuro imbata ya Yesu Kristo, wahamagariwe kuba intumwa, kandi watoranirijwe ubutumwa bwiza*..» (Abaroma 1:1). Intumwa Yakobo na we yivuga nk'« imbata » : « *Yakobo imbata y'Imana n'Umwami Yesu Kristo*.. » (Yak. 1:1). Intumwa Petero na yo ni ko yabivuze: « *Simoni Petero, imbata n'intumwa ya Yesu Kristo, ku bahawe*…» (2Pet.1:1). Umugaragu w'umwiringirwa asohoza neza rwose amabwiriza y'Umwami we, nk'uko aba yabitegetswe.

Mu nzandiko zizenguruka nyinshi, nakunze kugaruka ku myimenyerezo itandukanye nagiranye n'Umwami Ku bijyanye n'ubukozi nahawe n'Umucunguzi. Yampamagaye inshuro nyinsi akoresha ijambo "Mugaragu wanjye". Nshobora kuvuga aho byabereye n'igihe byabereye. Nta na rimwe byigeze biba mu nzozi, igihe cyose nabaga ndi maso. Nshobora guhamya imbere y'Imana n'abantu kimwe na Pawuro nti: "**igihe kimwe**…" (Ibyakozwe 22:6). Ni nde ushobora gusobanukirwa icyo bivuze kwiyumvira ijwi rihinguranya ry'Umwami n'uburemere bwo guhabwa amabwiriza na we?

- Krefeld: mumaze imyaka myinshi mwumva ubuhamya bwanjye ku mwimenyerezo ndengakamere nagiranye n'Umwami tariki 2/4/1962, murabuzi mwese. Bujya gucya, numvise ijwi rifite imbaraga nyinshi ry'Umwami rivuga mu rurimi rw'ikidage riti: "**Mugaragu wanjye, igihe cyawe mur'uyu murwa kigiye kurangira, nzakwohereza mu yindi mirwa kubwiriza Ijambo ryanjye**." Nuko ndasubiza nti: "Mwami mukundwa, ntabwo bazanyumva..". Igisubizo cyari: "**Igihe kizagera ubwo bazakumva. Hunika ibyokurya, kuko hagiye kuza inzara ikomeye. Icyo gihe uzahagarara hagati y'ubwoko ubahe ibyokurya**…". Hanyuma hakurikiyeho insobanuro y'ibyo nagombaga kwitwararika. Ibintu bibiri bya nyuma Umwami yantegetse byari: "m**ugaragu wanjye, ntugashinge amatorero y'akarere, kandi nt'ugacapishe ibitabo by'indirimbo, kuko ibyo ar'ibimenyetso by'idini**…". Sinshidikanya ko amatorero y'akarere ahuje na Bibiliya, ariko ntabwo umurimo nahawe ar'uwo gushing'amatorero mu yindi mirwa no mu bindi bihugu. Kandi n'ubwo iwacu, kimwe no mu yandi matorero, dufite umugenzo wo kuririmba indirimbo zo mu gitabo, nta burenganzira mfite jy'ubwanjye bwo kugira icyo ncapisha. Nakurikije rwose ibyo Umwami yavuze.
- Marseilles, mu Bufaransa: "**Mugaragu wanjye, haguruka usome 2Timoteyo igice cya 4, kuko har'icyo nshaka kukubwira**…". Ku mugoroba w'umunsi wabanzirizaga uwo, bari bambajije icyo inkuba 7 zo mu Byahishuwe 10 zisobanura; nta gisubizo nari mfite. Ariko bukeye bwaho, Umwami ubwe yampaye igisubizo akoresheje ibyanditswe byera: "***Bwiriza Ijambo ry'Imana, ugire umwete igihe cyose*** **–** *mu kigukwiriye n'ikitagukwiriye- uhane, uteshe, uhugure ufite kworoha kwose kandi wigisha*…". Narambitse Bibiliya yanjye ku meza, nzamura amaboko ndavuga nti" "Mwami mukundwa, nk'uko ar'ukuri ko wantegetse gusoma aya magambo, niko na none ar'ukuri ko ibyavuzwe n'inkuba za mu Byahishuwe 10 bitanditswe nk'Ijambo ry'Imana. Ni yo mpamvu bidashobora kubwirizwaho." Ibi ni "UKO UWITEKA AVUZE". Abagaragu ba Yesu Kristo b'ukuri, bose bategetswe n'Imana ubwayo kutagira ikindi babwiriza **keretse ibyanditsw**e (Ibyah.1:1-3), ntacyo rero bagomba kugabanya cyangwa kongeraho. ku byanditswe (Ibyah.22:18-20). Inkuba ndwi zo mu Byahishuwe 10 zizavuga ar'uko Umwami amanutse nka Marayika w'Isezerano, agashyira ibirenge ku butaka no ku nyanja.

- Krefeld: Iyerekwa ry'umurima w'ingano n'ikimodoka gisarura ryari ridasanzwe. Iryo yerekwa yateye abantu benshi kuvuga amagambo menshi asebanya. Hashize igihe mwenedata umwe yabyanditseho agatabo yise: "umurimo w'ikimodoka gisarura". Mur'ako gatabo handitswemo ko ndi antikristo, umushukanyi n'ibindi, kandi barankwena cyane. Ibyo mvuga n'ibyo niboneye kandi niyumviye, kandi ndabivugira imbere y'Imana. Najyanywe mu mwuka hafi y'umurima w'ingano weze cyane, amahundo y'izo ngano yari yuzuye impeke, yaramaze kub'umuhondo kubwo kumishwa n'izuba, yose yunamye kimwe. Nzi neza ko mu gihe cyose cy'ubuntu, Ijambo ry'Imana ryabibwe nk'imbuto; kandi ubugingo bw'abanesheje bwagiye busarurwa muri buri gisekuruza. Nyamara Ibyanditswe bivuga na none ibizaba ku iherezo, ubwo ingano zizahurizwa mu kigega cyo mu ijuru (Mat. 3:12). Ndebye, mbona hose mu murima nta na hamwe hari ibyatsi bibi, noneho menya ndi mu mwuka ko urukungu rwari rwamaze kurandurwa nk'uko byanditswe ngo: *"mubanze murandure urukungu, muruhambire mo imiba…*" (Mat.13:30). Ndebye ibumoso bwanjye, mbona ikimodoka gisarura kikiri gishya. Ako kanya Umwami avuga mu ijwi rifite imbaraga ati: "**Mugaragu wanjye, icyo kimodoka gisarura ni wowe cyagenewe, kuko ugomba gushyingura umusaruro**…". Nahereyeko nurira icyo kimodoka. Ariko ijuru na ryo riherako ririjima, bisa nkaho hari intambara irimo kurwanirwa mu ijuru, ibicu byasaze. Nuko ndavuga nti: "Mwami Nyir'ukwiringirwa, byarangiye, igihe cyashize, sindibushobore gushyingura umusaruro, ibihano bitangiye gukubita isi." Ako kanya, izuba ryabaye nk'iripfumuye ibicu, rimurikira umurima w'ingano. Nahereyeko natsa icyo kimodoka ntangira gusarura. Nkimara kurangiza, ijuru ryahereyeko ririjima, inkuba zitangira gukubita.
- Krefeld: "**Mugaragu wanjye, reka kujya** mu Buhinde!" Nabyemeye ar'uko Umwami abimbwiye inshuro ya kabiri. Nari namaze kugura amatike y'indege, nagombaga gufata indege yo ku wa 5/10/1976. Indege nagombaga kugendamo mva Bombay njya Madras yahiye ikimara guhaguruka, iragwa irashwanyaguruka, yica abagenzi bose 96 bari bayirimo. Izina ryanjye ryari ku rutonde rw'abagenzi - ibi mbivuze kuko minisiteri y'ububanyi n'amahanga yaduhamagaye nk'umwe mu miryango yari yabuze abayo- ariko umunsi wanjye wo gutaha ntiwari wakageze!
- Edmonton, muri Kanada: "**Mugaragu wanjye, nagutoranije nshingiye ku byanditswe muri Matayo 24:45-47, kugira ngo ugabure ibyokurya mu gihe gikwiriye**". Ku bwanjye, iki cyari igisubizo kivuye mu kanwa k'Umwami, nyuma y'uko mwenedata Bablitzi ambajije niba ubukozi bwanjye na bwo buri muri Bibiliya kimwe n'ubwa mwenedata Branham. Kugeza icyo gihe, ntacyo nari mbiziho nanjy'ubwanjye. Mbega ukwiringirwa kw'Imana! Amina. Ni byo koko, mwenedata Branham yambwiye itariki 3/12/1962 ati: "Mwenedata Frank, ube uretse gutanga ibyokurya kugeza ubwo uzahabwa n'ibisigaye bijyanye na byo.
- Krefeld: "**Mugaragu wanjye, igikorwa cya nyuma nigitangira, nzongera mvugane nawe. Icyo gihe Umwuka wanjye uzihesha icyubahiro muri wowe**…" Icyo gihe, umurwa wa Zurich na wo wavuzweho mur'iryo yerekwa. Nta gushidikanya mfite y'uko Imana ubwayo izakora ku iherezo umurimo mugufi mu mbaraga nyinshi, uwo tuzagiramo uruhare: "***Kandi Umwami azasohoza Ijambo rye mu isi, azarirangiza bidatinze kandi azarigabonya***" (Abar.9:28).
- Krefeld: "**Mugaragu wanjye, igihe imipaka izafungurwa, nzahamagara umugeni wo mu bihugu by'iburasirazuba…"** Mur'iryo yerekwa, nari ku ruhimbi rw'icyumba kinini cyane cy'ibirori. Abantu benshi barinjira baricara, ariko mbona ahantu henshi hakiri intebe ziticaweho. Mu kanya kakurikiye numvise ijwi ry'Umwami iburyo bwanjye hejuru, iburyo bw'igitereko cy'amatabaza cyari hejuru y'aho nari mpagaze, rivuga riti: "**Mugaragu wanjye, nubona ibyo bibaye, uzamenye ko ukuza kwanjye kuzaba kuri hafi cyane, cyane."!** Noneho mbona amatsinda y'abantu bavuye mu bihugu byo mu burasirazuba, binjira umwe umwe bose bukurikiranye. Uwar'uyoboye buri mutwe yarazaga akansuhuza, hanyuma akinjirana na bagenzi be mu cyumba cy'ibirori. Nuko itsinda rya nyuma rimaze kwinjira, mbona noneho imyanya yose yicaweho. Ibi nabibonye imyaka 13 mbere y'uko urusika rw'i Berlin rushyirwa hasi, mu mwaka w'1989, kandi mbere y'uko imipaka y'ibihugu byo mu burasirazuba ifungurwa. Icyo gihe mu mwaka w'1976, nta muntu washoboraga gutekereza ko ibihugu byo mu burasirazuba byari byarashyizwe hamwe byashoboraga kwongera

gutandukana, cyangwa ko Ubudage n'Uburayi byari byaragabanijwemo kabiri byashoboraga kongera gusubirana.

- Krefeld**: "Mugaragu wanjye, jya ku kibanza muhanye urubibi, ukinyegurire maze uzacyubakemo**…" Icyo kibanza iruhande y'urusengero rwacu cyahoze ar'ikigo gifungirwamo abanyururu mu ntambara y'isi ya kabiri; cyari gitandukanijwe n'ikibanza cyacu n'uruzitiro rufite metero 2,30 z'ubutumburuke. Nahereyeko nyura mu karyango gato kagana ahar'amazu y'ubucuruzi njya mur'icyo kibanza, mpageze ndapfukama mu bihuru maze mpegurira Umwami nyir'ijuru ku bw'Itorero rye riri hano ku isi. Uyu munsi, aho hantu ni ho hari inzu za misiyoni, icapiro, ibiro, ibyumba bikorerwamo imirimo yo kwohereza ibitabo n'ibindi, n'ikidendeze cyo kubatirizamo.
- Krefeld: '*Mugaragu wanjye, genda usange R.T., ujyane n'abasaza b'itorero, maze umusomere amagambo umuhanuzi Yesaya yabwiye Hezekiya. Aribukire."* Jye na benedata Russ na Schmidt twakoze ibyo Umwami yadutegetse, maze Imana ihamirisha Ijambo ryayo kumukiza mu buryo bw'igitangaza!
- Krefeld: "Mugaragu wanjye, genda hariya, uvuge Ijambo, kuko umugore wizera adakwiriye gukorwa n'isoni imbere y'umugabo we utizera." Mushiki wacu umwe mukundwa yari yagenze ibirometero 300 kugira ngo aze mu materaniro ari mu modoka nshya, nyamara agiye gutaha imodoka yanga kwaka – na nyuma y'uko benedata benshi b'inzobere bagerageje, n'abakanishi bagahamagazwa, byakomeje kwanga. Narimo nca mu cyumba cy'amasengesho ubwo numvaga ijwi ry'Umwami. Nta muntu ushobora gusobanukirwa ukuntu Ijambo rivuye mu kanwa k'Umwami ritanga gihamya n'ubushizi bw'amanga! Narasohotse njya hanze (hari benedata bari bakir'aho), maze mpura n'uwo mushiki wacu ndamubwira nti: "Jya mu modoka yawe, uyatse, kuko ari ko Uwiteka yavuze. Mushiki wacu arahakana ati: "ntacyo tutagerageje…". Sinamwemereye gukomeza kuvuga ndamubwira nti: "Wivuga, ahubwo genda ukore nk'uko wabwiwe mu Izina ry'Umwami!" Akimara kubyumva, yahereyeko arabikora: imodoka iherako iraka, mushiki wacu aritahira, ajyana n'imodoka ye nta yandi mananiza! Bukeye bwaho bashatse kongera kuyatsa iranga, bagomba kuyikurura bayijyanira abo kuyikora. Bagezeyo basanze ari icyuma cyohereza lisansi muri moteri cyari cyapfuye bagomba kugihindura.
- Krefeld: Ku wa gatandatu tariki 18/11/1978, hafi saa ine za mugitondo, Umwami yavuganye najye ndi mu biro, mu kigo cy'ivugabutumwa ati: "**Mugaragu wanjye, genzura mu Byakozwe n'intumwa, urebe niba har'uwigeze ahamagarirwa gukora umurimo hamwe n'umugore we.**" Nafashe Bibiliya yanjye nsoma mu Byakozwe n'intumwa, bidatinze mbona ko ndetse na ba bagabo barindwi batorewe kwita ku bapfakazi bahamagawe bonyine batari hamwe n'abagore babo. Ku bw'ayo magambo, nahereye ko menya ko ubuhanuzi bwatanze mu kwezi kwa gatanu kw'umwaka w'1976, buvuga yuko nkwiriye kurambika ibiganza ku mugabo n'umugore we kugira ngo bashyirwe mu murimo, ibyo kandi nkaba narabikoze nibwira ko ari "UKO UMWAMI AVUZE", bushyizwe ahagaragara n'Imana ubwayo ko ari ikinyoma.
- Krefeld: mu kwezi kwa 12/1980, ndi mu rugendo mur'Afurika, i Accra muri Ghana, nariwe n'imibu inshuro enye mu ijoro rimwe. Nkiva mu rugendo, banjyanye kwa muganga itariki 1/01/1981, basanga ndwaye marariya. Numvise amagambo y'umuganga mukuru, Profeseri Dr Becker abwira bagenzi be ati: "byarangiye, yaje atinze, aho bigeze ntacyo twashobora gukora; nta n'umuti cyangwa guhabwa amaraso byagira icyo bimumarira." N'ubwo nashoboraga kumva, nari mfite intege nke cyane ku burwo ntari ngishobora kuvuga. Numvaga iherezo ryanjye riri bugufi, nkaba nari mfite ikibazo kimwe gusa; mbaza Umwami nti: "Mwami, Mukiza wanjye, ese meze nte imbere yawe?" Nuko mperako ndajyanwa, mvanwa mu mubiri wanjye, njyanwa mu ijuru ritamurutse, maze mbona abantu batabarika bambaye imyenda yera. Bose bari bakiri bato (Yobu 33:25). Ukuntu amabara y'imisatsi yabo yari atandukanye, byari bitangaje. Bashiki bacu bose bari bafite imisatsi irekuye. Twari turimo kuzamurwa mu buryo buhebuje, dukomeza kujyanwa hejuru. Nuko mbona ikintu kimeze nk'umurongo utambitse wo gutandukanya, nk'uko umuntu ashobora kubibona iyo izuba rirasiye hejuru y'ibicu. Mu mwuka, namenye ko twari tugiye gusanganira Umwami mu kirere. Byatumye ndeba hejuru, maze mbona Umurwa Wera. Numvise umunezero utarondoreka utaha mu

mubiri w'ijuru nari nambaye wose, menya neza ko turimo kuzamurwa. Naje kugira ipfunwe ryinshi mbonye ngarutse mu mubiri wanjye wo ku isi.

- Krefeld: "**Mugaragu wanjye, nteraniriza hamwe ubwoko bwanjye, abagiranye nanjye isezerano bose kubw'igitambo. Ndashaka kubumvisha amagambo yanjye**…". Nyuma yaho naje kubona ibyanditswe bibiri bivuga bimwe n'ibyo: Gutegeka kwa kabiri 4:10: "***Nteranirizaho ubwoko bwanjye! Nshaka kubwumvisha amagambo yanjye…***" hamwe na Zaburi 50:5-6: "***Nteranirizaho abizigirwa banjye, bagiranye nanjye isezerano kubw'igitambo! Nuko ijuru rizavuga ibyo gukiranuka kwaryo, kuko Uwiteka ari we Mucamanza***". Ubwoko bw'Imana, ni ukuvuga Itorero ry'ukuri ryo mu isezerano rishya, ubu rirateranye kugira ngo ryumve Ijambo ry'Imana. Tugomba kwemera ibyo Imana yaduhaye kubw'igihango cy'Isezerano rishya: "… *kuko aya ari amaraso yajye, amaraso y'isezerano, amenwa ku bwa benshi*" (Mat.26:28). Uri mu bwoko bw'Imana wese azaza kumva Ijambo ry'Imana, naho abanda bose bazikomereza inzira zabo. Ibyanditswe birasohoye: "*Uw'Imana yumv'amagambo y'Imana; impamvu mwe mutumva, ni uko mutar'ab'Imana*" (Yoh.8:47).
- Varna, muri Burgaria: tariki 15/07/1999 hafi saa sita z'amanywa, ubwo nari ndi mu rugendo rw'ivugabutumwa, navanywe mu mubiri wanjye njyanwa muri paradiso: mbona umwuzuro w'umucyo ugizwe n'amabara y'umukororombya, yariho agenda neza nk'ayuzuy'ubuzima. Menya mu mwuka ko intebe y'ubwami yari hejuru iburyo bwanjye, kuko ari ho hakomokaga umucyo urabagirana usa n'uvanze n'umuriro. Ibumoso, har'umutwe w'abagabo baririmba mu rurimi rw'Ikidage, bazamuye amaboko, amagambo ya Zaburi 34: "***Marayika w'Uwiteka abambish'amahema yo kugota abamwubaha, kandi abavana mu byago***. *Marayika w'Uwiteka ari hano! Nimusogongere mumenye yuko Uwiteka agira neza! Hahirwa umuhungiraho"!* Mwenedata Branhamu yavuze inshuro 68 ati: "Marayika w'Uwiteka ari hano ku ruhimbi": byabaga ari uko Umwami agaragaye mu mucyo ndengakamere.

Byose ni ku bw'ubuntu: uguhamagarwa, ugutumwa n'imyimenyerezo ijyana na byo. Ni ukuri koko, Ubutumwa ni bwo bugomba kubanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo. Mwenedata Branhamu yabivuze inshuro 17, kandi ntagishobora kuburizamo ibyo Imana yagennye mu mugambi wayo w'agakiza isi itarashyirwaho urufatiro: "***Mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera mu bihe bya cyera nkavuga ibitarakorwa, nkavuga nti: imigambi yanjye izakomera kandi ibyo nzashaka byose nzabikora***" (Yesaya 46:10).

Kubera ukugena kw'Imana, nashobojwe gusohoza umurimo nahawe mu mugambi w'agakiza kugeza kur'uyu munsi. Nakomeje kubahiriza itegeko nahawe n'Umwami tariki 2/04/1962: mu mwaka wa 1966/67, nyuma gato yo gutaha kwa mwenedata Branham, nagize amateraniro mu bihugu bitanu no mu midugudu 25 yo mu Burayi bwo mu burengerazuba. Uhereye mu mwaka wa 1968, natangiye gusura ibihugu byo mu Burayi bw'uburasirazuba guhera Mosiku ukagaza muri Urari no muri Siberiya. Ibindi bihugu n'izindi mpande z'isi byakurikiyeho. Nakomeje kujya mva mu mugi njya mu wundi, mva mu gihugu njya mu kundi, mva mu ntara y'isi njya mu yindi, mbwiriza Ijambo nk'uko Umwami yabintegetse tariki 2/04/1962- ndetse n'i Kayiro, n'i Damasiko, na Alepu na Beyiruti.

Na none, nigishije Ijambo ry'Imana, mbwiriza n'ubutumwa bw'igihe muri Kanada, muri Amerika, muri Amerika y'amajyepho, muri Afurika na Aziya, muri Ositirariya no muri Niyuzirandi, ndetse n'i Peke mu Bushinwa, aho nakiriwe nk'umushyitsi wa Leta mu ntangiriro ya za 80. Umwami nyir'ukwiringirwa aho hose yagiye agirir'ubuntu buri rugendo kandi akomeza kugwiza imigisha ye! Nubaha umurimo w'Imana nashinzwe rwose, wahamirijwe na mwenedata Branhamu imbere y'abahamya benshi tariki 3/12/1962; nkwirakwiza ibyokurya by'Umwuka kandi mbwiriza Ijambo ry'Imana rifite agaciro iteka ryose aho bampaye umwanya hose.

Mu myaka 55 ishize, nyuma yo kugendererwa n'Imana mu buryo ndengakamere tariki 2/04/1962, nashoboye kubwiriza mu bihugu 162, bimwe muri byo nabigezemo inshuro nyinshi kandi nabwirije mu migi irenze 650. Ingendo z'ivugabutumwa za buri kwezi mur'icyo gihe cyose zimaze kurenga ibirometero miriyoni 15. Nta na hamwe mara igihe kirenze umunsi umwe cyangwa ibiri, nkabwiriza inshuro ebyiri cyangwa eshatu, ngakomeza mu mugi ukurikiye kugira ngo nkwirakwize ubu butumwa bwa nyuma buvuye ku Mana, kugeza ubwo uwatoranijwe wa nyuma azahamagarwa. Binyuze mu bibwiriza bica kuri TV, ibihugu ntarajyamo ubwanjye na byo

byashoboye kugerwaho. **Nuko rero, Ubutumwa bwiza bw'Ubwami burabwirizwa ku isi yose kugira ngo bubere gihamya amahanga yose (Matayo 24:14) kandi buhamagarire intore gusohoka (2Abakorinto 6:14-18), maze imperuka izabona ibe; uko ni ko Umwami yavuze.**

*Mur'iyo myaka yose, twagiye na none tugira amateraniro yuzuy'umugisha w'Imana hano ku kigo cy'ivugabutumwa. N'ubwo Satani yagerageje mu mwaka w'1979 kunsenya no gusenya icyizere abantu bafitiye umurimo nahawe n'Imana, ndetse no gusenya itorero n'umurimo wose binyuze mu kubeshyerwa no guharabikwa, ntabwo byatubujije gukomez'urugendo tubifashijwemo n'Imana, nk'uko Umwami yabivugiye muri Yesaya 54:17 ati: "Ariko nta ntwaro bacuriye kukurwanya izagira icyo igutwara; ndetse n'ururimi rwose ruzahagurukira kukuburanya uzarutsinda.* ***Kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi****". Ni ko Uwiteka avuga.*

Abizera nyakuri bo bakomeje gushyira Ijambo ry'Umwami ku mutima: "***Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko uwakiriye uwo natumye ni jye aba yakiriye, kandi unyakiriye, aba yakiriye uwantumye***" (Yoh. 13:20), kandi bakomeje kuba abiringirwa. Ikibabaje ni uko iri jambo na ryo ryasohoye: "*Ariko si ko bose bumviye inkuru nziza. Ni yo mpamvu Yesaya yabavuzeho ati:* ***Mwami, ni nde wizeye ibyo twabwirije***? "(Abaroma 10:16). Byabaye ngombwa ko nsobanukirwa ko ibiba ku mugaragu ari kimwe n'ibyabaye kuri Shebuja no ku bandi bakozi b'Imana, cyane cyane ibyabaye kuri Yobu n'umuryango we. Intumwa Yakobo yaranditse ati: "*Dore tuvuga ko abihanganiye imibabaro ari abanyehirwe.* ***Mwumvise ibyo kwihangana kwa Yobu, kandi muzi amaherezo Imana yamugeneye*** (Yobu 42:10), ***kuko Umwami yuzuy'ubuntu n'imbabazi"*** (Yak.5:11). Kimwe na Yobu, Itorero na ryo rizagarurirwa inshuro ebyiri. Ibyo Umwami yavuze ku Itorero bihora ari ukuri kugeza iteka ryose "*… kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora*" (Mat.16:18).

Benedata na bashiki bacu bajya baturuka ku isi yose bakaza mu materaniro yacu y'ivugabutumwa mpuzamahanga buri tangiriro ry'ukwezi. Hari na none abandi bantu baba bateraniye ahantu harenze 1,700 mu mazu no mu matorero, badukurikirira kuri murandasi/interineti mu bihugu birenze 170. Imana ishobora byose ni yo yitaye kuri buri kintu mu buryo bwose: ku by'abasaza b'itorero n'abadiyakoni, abaririmbyi n'abakoresha ibyuma bicuranga baduha ikirere cyiza mu materaniro yacu; ku bwa benedata na bashiki bacu baz'indimi bafasha kugira ngo amateraniro, ndetse n'inyandiko, bishobore gusemurwa mu ndimi 15; ku bw'inzobere mu bya tekiniki badufasha mu icapiro, n'abohereza ibitabo n'ibindi bikoresho. Uhereye ku ntango, twashoboye kujya twohereza ku buntu inyandiko, ibitabo, CD na DVD ku isi yose, kuko Imana yakomeje gushyira ku mutima wa benedata na bashiki bacu uyu murimo w'ivugabutumwa mpuzamahanga kugira ngo bakomeze kuwushyigikira. Nta na kimwe Imana yibagiwe. Icyubahiro n'ikuzo bibe iby'Umwami iteka ryose!

Ubu dutegereje umurimo w'Imana wa nyuma mu bayo mu gihe cya vuba, nk'uko byanditswe muri Yakobo 5:7-8: "***Nuko rero mwihangane benedata kugez'ubwo Umwami azazira.*** *Dore umuhinzi ategereza umusaruro w'igiciro w'ubutaka, akabwihanganira kugez'ubwo abonye imvura ya mbere n'iya nyuma.* ***Namwe rero mwihangane, mukomez'imitima yanyu, kuko kuza kw'Umwami kwegereje***." Abafite uruhare mu murimo Umwami arimo gukor'ubu barahirwa rwose!

**Itangiriro n'iherezo ry'ubugorozi**

Mur'iyi shusho turabonamwo bamwe mu bantu bagize uruhare mu murimo w'Imana mu gihe cy'ubugozi: iruhande rwa Yohana Husi wo muri Cheke, birumvikana hariho Luteri n'umugore we Katarina de Bora n'inshuti yabo Melankito, abo bose bakoreye mu Budage, kimwe na Huldrici Zwungli, umusuwisi w'umunyamurava w'i Zurici; na Yohana Kaluvuni umufaransa w'i Jeneve. Biratangaza cyane kubona abo bagabo n'abagore bose bagize uruhare mu mu guteza imbere umurimo w'ubugorozi

Muri uyu mwaka, amatorero y'ivugabutumwa hamwe n'aya gaturika azizihiriza hamwe isabukuru y'imyaka 500 y'ubugorozi bwatangijwe na Luteri, hateganijwe imihango mpuzamadini myinshi. Ariko mu by'ukuri, kugarukira ibyanditswe muri Bibiliya, guhindukirira Kristo nk'umucunguzi w'umuntu ku giti cye no kugendana n'Imana, byatangiye nko mu myaka 150 mbere yaho, bitangirana n'uwitwa Yohana Wikirifu mu Bwongereza na Yohana Husi mu gihugu cya Ceke/Tcheque. Umuhorandi w'i Roteridamu witwa Erasimu niwe wabaye uwa mbere gukwirakwiza Isezerano rishya mu rurimi rw'ikigiriki ashingiye ku nyandiko z'umwimerere. Ubugorozi ntabwo bwagarukiye mu gihugu cy'Ubudage gusa, ahubwo bwasakaye mu Burayi bwose. Luteri niwe waje kubuha imbaraga bidasubirwaho. Akimara kumenya agaciro ka Bibiliya, yahereyeko ayisemurira abadage mu rurimi rwabo.

Usomye inyandiko zinyuranye z'abagorozi, aherako abona ubumenyi bunyuranye bari bafite n'ingingo zinyuranye banditseho kandi bakunze kujyaho impaka hagati yabo; ibyo bikaba byerekana yuko byari bikiri ku itangiriro.

Ububyutse bwakurikiyeho buzanywe na Meno Simoni, washinze itorero ry'abamenoniti; na Yohana Simisi wokomotsweho n'itorero ry'ababatisiti; na Yohana Wesireyi wakomotsweho n'itorero ry'abametodisiti. Mu binyejana byakurikiyeho, ingingo za Bibiliya n'imyimenyerezo y'agakiza byakomeje kugenda byongerwa mu bibwirizwa. Hari n'undi wari umutware (compte) witwa Von w'i Zinderidofu wo mu itorero ry'abitwa "Benedata b'abamorave", n'abandi bavugabutumwa b'ububyutse. Byarakomeje kugeza ku itangiriro ry'ikinyejana cya 20. Ububyutse bw'abapantekote bwatangijwe no kumanuka kw'Umwuka wera, tariki 9/04/1906 i Losi Angeresi (muri Amerika), ku murenge witwa Asuza. Ibyo ni byo byabaye intandaro iganisha ku Bukristo bw'umwimerere ku bijyanye n'impano z'Umwuka. Nyamara ntibari bafite inyigisho fatizo zitavangiye z'intumwa: amatorero menshi ya gipantekote yakurikiyeho yakomeje gutsimbarara ku myizerere y'ubutatu ifite inkomoko yayo mu nama yabereye i Nikeya mu mwaka wa 325 nyuma yo kuvuka kwa Yesu, akaza na none gashimangirwa n'inama y'i Konsitantinopure mu mwaka wa 381 ari bwo iyo nyigisho yahereyeko yitwa "ukwizera kw'intumwa".

Birakwiriye ko bivugwa mu buryo bweruye: nta ntumwa n'imwe yar'ihari mur'izo nama. Imyizerere y'intumwa nta handi wayisanga uretse muri Bibiliya honyine. Kandi, ibyo intumwa zigishije zibihawe n'Umukiza amaze kuzuka, ziyobowe n'Umwuka wera, ni byo byonyine bigize inyigisho z'intumwa, kandi ni byo byonyine bifitiye agaciro Itorero rya Yesu Kristo kugeza ku iherezo. Ni ubushukanyi rwose kwandika mu nyuguti z'ibyapa uti "SI UBUNDI BUTUMWA BWIZA", mu gihe ukomeza kubwiriza insobanuro z'abantu zishaje. Ntacyo byaba bimaze gukoresha imvugo "dushingiye kuri Bibiliya" hanyuma ukemera imyizerere yazanywe n'itorero ry'ubwami bw'i Roma mu kinyejana cya kane, idafite aho ihuruye na Bibiliya. Ni yo mpamvu muri Yohana 17, Umucunguzi atavuze ubumwe bw'amatorero menshi, ahubwo yavuze ubumwe bwo mu mwuka bw'abizera: "*Jye mbe muri bo, Nawe ube muri Jye, kugira ngo babe umwe rwose*…"

"*Ku bw'ubuntu bw'Imana nahawe, nashyizeho urufatiro nk'umwubatsi w'ubwenge, undi arwubakaho. Ariko, umuntu wese yitondere uburyo yubakaho*" (1Abakorinto 3:10).

"*Kuko mwubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, ariko Yesu Kristo ni we buye rikomeza imfuruka. Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura kugira ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu. Namwe mwubakanwa muri we kugira ngo mube inzu yo kubabwamo n'Imana mu mwuka.*" (Abef.2:20-22).

"*Hariho Umwami umwe, ukwizera kumwe, n'umubatizo umwe; hariho Imana imwe ari yo Data wa twese, udusumba twese, uri hagati yacu twese kandi uturimo twese*" (Abef.4:5-6).

"*Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe!"* (Abagar.1:8).

Abagorozi bose bari bahuriye ku kintu kimwe: bose barwanyaga inyigisho y'uko papa ar'umusigiri wa Kristo; icuruzwa ry'imbabazi z'Imana nk'uko byari bimenyerewe mur'icyo gihe, no gusenga Mariya n'abera n'ibishushanyo n'ibisigisigi by'abera. Bari bahuriye na none ku kweza amatorero yabaga yagorowe bakavanamo ibishushanyo byose, kugeza n'aho bavanagamo n'inanga zo gucuranga. Ariko ikibabaje n'uko inyigisho z'ayo matorero

yagorowe n'ayandi yigenga yaje kuvuka hanyuma zidahuje n'inyigisho y'intumwa. Iyo ubegereye, usanga buri dini na buri torero rifite "ubutumwa bwiza" bwaryo bwihariye ryigisha.

Ntabwo intumwa zigeze zidusigira amasakaramento, yaba atatu cyangwa arindwi yo gukomoraho agakiza. Ahubwo zasohoje umurimo zahawe muri Matayo 28:19; zibwiriza ubutumwa bwo kunga abantu n'Imana, no kubabarirwa ibyaha; kandi abizeye bose zabatizaga mu **Izina rya Yesu Kristo** zishingiye kuri Mariko 16:16. Iryo ni ryo **Zina ry'Isezerano Imana yatwihishuriyemo mu Isezerano rishya,** nka Data mu Mwana binyuze mu Mwuka wera. Ni muri Yesu wenyine habonerwa agakiza k'Imana (Ibyakozwe 4:12). Imvugo y'ubutatu "mu izina rya Data, n'iry'Umwana n'iry'Umwuka wera" nta na hamwe yigeze ikoreshwa muri Bibiliya. Amateka y'amatorero mpuzamahanga ahamya neza ko mu binyejana bya mbere, ababaga bizeye ari bo bonyine babatizwaga mu Izina rya Yesu Kristo, bibijwe mu mazi menshi inshuro imwe. Insobanuro y'ikinyoma y'ibyanditswe muri Matayo 29:19 yakomotse mu nama ya Kiriziya yabereye i Nikeya mu mwaka wa 381 nyuma yo kuvuka kwa Kristo.

Mu byakozwe n'Intumwa 2, ubwo Itorero ryashingwaga, habwirijwe ukwihana no kubabarirwa ibyaha: "*Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa impano y'Umwuka Wera*" (umurongo wa 38). Abizeye ba mbere ibihumbi bitatu barabatijwe (Ibyakozwe 2:37-41). Ubu ni bwo buryo bwonyine bwemewe bwakoreshejwe mu gitabo cy'Ibyakozwe cyose: Firipo yabwirije i Samariya, tubwirwa ibikurikira ku baje kwizera: "*..maze babatizwa mu zina ry'Umwami Yesu"* (Igice cya 8:14-17). Petero yabwirije ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo mu nzu ya Koruneliyo, umukuru w'ingabo w'umuroma, maze Umwuka Wera amanukira abari bamuteze amatwi bose. Nuko dusoma ko: "*Nuko ategeka ko babatizwa mu Izina ry'UMWAMI*" (Igice cya 10:43-48). Pawuro yabwirije abigishwa ba Yohana muri Efeso: "*Bamaze kubyumva, babatizwa mu Izina ry'Umwami Yesu*" (igice cya 19:3-6). Ibi ni byo byemewe mu Itorero rya Yesu Kristo kugeza ku iherezo.

Handitswe amagana y'inyandiko mu rwego rwo gutegura iyizihizwa rya yubire y'Ubugorozi, zandikwa Kuri Maritini Luteri no ku ngingo y' "Ubugorozi". Har'umutwe w'inyandiko ugira uti: "Imyaka 500 y'ubutane irahagije". Ibiterane by'ubwiyunge birimo birategurwa hose. Ikivugwa hose ni "Ubumwe mu budasa". Ariko se mur'ibyo byose bivugwa, ubwiyunge bw'umuntu ku giti cye n'Imana binyuze muri Yesu Kristo Umucunguzi, byo biri he? (2Abakorinto 5:14-21). Mu gihe amatorero asubiye muri kiriziya gaturika y'i Roma nk'abakobwa mu nda ya nyina, aba atanze ubuhamya ko n'ubundi yari asanzwe ar'ayayo mu mwuka.
Abagiriwe Ubuntu n'Imana bose bagarukira itorero ry'inkomoko, ku nyigisho z'intumwa zakomotse i Yeruslemu. Umuhamagaro wa nyuma urimo gusakazwa ubungubu, uhamagara abizera by'ukuri, hatitawe ku madini babarizwamo, kandi bazumvira uyu muhamagaro "Nuko rero nimubasohokemo, mwitandukanye, niko UWITEKA avuga, ntimugire ikintu gihumanye na kimwe mukoraho, nanjye nzabakira. Nzababera So, namwe
muzambera abahungu n'abakobwa, uko ni ko Uwiteka avuga" (2Abakorint.6:17-18).

| | |
|---|---|
| Ihuriro ry'isi ry'Ababatisita: | Miliyoni 37 |
| Ihuriro ry'isi ry'Abametodisiti: | Miliyoni 39 |
| Ihuriro ry'isi ry'Abaluteri: | Miliyoni 72,3 |
| Ihuriro ry'isi ry'Amatorero yivuguruye: | Miliyoni 80 |
| Abangirikani: | Miliyoni 85 |
| Ihuriro ry'Abapentekote: | Miliyoni 300 |

| | |
|---|---|
| **Bose hamwe**: | **Miliyoni 613** |
| Aba Orutodogisi: | Miliyoni 300 |
| Abagaturika b'i Roma: | Miliyoni 1,254 |

Ka turebe gato ku bantu bose bavuga ko ari abakristo. Ni bande mur'abo bose basaga miriyari ebyiri baba barahindukiriye Kristo koko? Ese ni bande muri bo babyawe ubwa kabiri n'Ijambo n'Umwuka nk'uko Umwami ubwe abisaba?: "*Yesu aramusubiza ati: N'ukuri, n'ukuri, ndakubwira y'uko umuntu atavutse ubwa kabiri adashobora kubona ubwami bw'Imana*" (Yoh.3:3). Ni bande baba barahawe agakiza nk'uko tukabwirwa mu Itorero rya mbere? Ibyo Yohana yanditse biracyafite agaciro kugeza n'ubu: "*Dore kandi ubu buhamya, Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo Bugingo buri mu Mwana Wayo. Ufite Umwana aba afite ubugingo, naho udafite Umwana w'Imana nta Bugingo afite*" (1 Yoh 5:11-12). Nta dini na rimwe, naho ryaba irya gikirisitu, ryigeze rizanira umuntu ukubabarirwa ibyaha n'agakiza k'Imana

Ni ko bimeze ku ba pentekote miriyoni 300 n'aba karisimatike. Bagomba kwemera ko tubabaza iki kibazo: ni bangahe muri mwe bahawe kwihana by'ukuri, bingingiye ibyaha byabo kugira ngo babarirwe, ni bangahe babatijwe bihuje na Bibiliya mu ruhame mu Izina rya Yesu Kristo? Ahubwo se ikigaragara, s'uko amadini yose n'amatorero yigenga abwiriza ubutumwa bwayo bwite akiyubakira ubwami bwayo bwite- bidashingiye kuri Kristo, Urutare rw'agakiza, ahubwo bashingiye ku byo bemera byabo bwite? Amagambo akurikira Umwami yavuze muri Matayo 7:21-22 arakomeye cyane: "*Abambwira ngo Mwami, Mwami, si ko bose bazinjira mu bwami bwo mu ijuru; ahubwo usohoza ubushake bwa Data uri mu ijuru ni we uzinjira. Benshi bazambwira kur'uwo munsi bati: Mwami, Mwami, ntitwahanuye mu Izina ryawe? Ntitwirukanaga amadayimoni mu Izina ryawe? Ntitwakoze ibitangaza mu Izina ryawe? Nuko nanjye nzababwira ku mugaragaro nti, mumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya!"*

**Roma – Umurwa mukuru w'isi yose**

Ku wa gatanu, tariki 24/03/2017, papa Faransisiko yakiriye i Vatikani abayobozi b'ibihugu byose bigize Ubumwe bw'Uburayi. Impamvu idasanzwe yabazanye kwar'ukwizihiza isabukuru y'imyaka 60 y'"Amasezerano y'i Roma". Ayo masezerano y'i Roma yashyizweho

umukono tariki 21/03/1957 n'abahagarariye Ubudage bwunz'ubumwe, Ububirigi, Ubuhorandi, Lukisamburu, Ubufaransa, n'Ubutariyani, mu Ngoro y'abakomeye ku mahame yabo iri i Roma. Ayo masezerano ni yo yabaye intandaro y'Ubumwe bw'Uburayi. Mu ntangiriro z'umwaka ushize, ubwo yarimo avugana n'abanyamakuru, papa yasezeranije ko azakora ibishoboka byose kugira ngo "Uburayi bugire imbaraga hamwe no guhishurirwa byatuma dukomeza kujya mbere". Icyo gihe, abakuru b'ibihugu by'Uburayi uko ari 27, bose bashyize umukono ku itangazo bahurijeho, aho nyine muri cya cyumba na none aho amasezerano y'Ubumwe bw'Uburayi yashyiriweho umukono mu mwaka w'1957.

Hari imvugo isanzwe ngo: "*Inzira zose zigana i Roma, ariko imwe gusa ni yo isohokamo*". Umuhanuzi Danyeri yabonye ubwami bune (Igice cya 2:36-45; igice cya 7:1-8): ubwami bw'i Baburoni, ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, ubwami bw'Abagiriki, n'ubwami bw'Abaroma bwatangiye mu mwaka wa 63 mbere yo kuvuka kwa Yesu. Igihe papa Lewo III yimikiraga Shariremanye kub'umwami w'abami, muri kiriziya ya mutagatifu Petero mu mwaka wa 800, yibonaga ubwe nk'umusimbura w aba Kayisari b'ubwami bw'i Roma. Kugeza mu mwaka w'1803, inyito y'ubwo bwami bwahuzaga ubwami bw'i Roma n'ubwami bw'Ubudage, yabaye "Ubwami butagatifu bw'i Roma n'Ubudage. Umuntu wese ashobora kwirebera kuri murandasi/interineti ibintu byose Vatikani igiramo uruhare n'ibindi byose bibera ku isi. Ikivugwa ubu cyane ni amahoro n'umutekano. Binyuze mu masezerano y'amahoro azaba hagati ya Isirayeri n'abanyepalesitini, ayo Vatikani izabera umuhuza, intego yo "mu ntara yo hagati", ahar'ipfundo ryamahoro make mu mateka y'isi, ishobora kuzagerwaho. Ariko rero icyo gihe ni bwo hazasohora ibyo Pawuro yavuze ari mu mwuka w'ubuhanuzi ati: "*Ubw'abantu bazavuga bati: Amahoro n'umutekano! Ni bwo ukurimbuka gutunguranye kuzabazaho*…" (1Abates.5:3).

Ku bijyanye na Isirayeri, buri umwe yari akwiriye kwitwararika ibyo Imana yibwiriye Aburahamu: "*Nzaha umugisha abazaguh'umugisha, kandi nzavuma abazakuvuma: muri wowe niho nzaher'amahanga yose umugisha*": (Itang.12:3). Uku ni ko bikimeze, kimwe n'isezerano: "*Kandi UWITEKA azazungura Yuda umwandu We mu butaka bwera, kandi azonger'atoranye Yerusalemu*". (Zak.2:12). Uko byamera kwose, Ubuyuda buri ahagize umutima wa Isiryeri, kandi Yerusalemu yahoze ari umurwa mukuru wa Isirayeri guhera mu gihe cy'umwami Dawidi. Yerusaremu ivugwa inshuro 780 muri Bibiliya. Nk'uko biri mu mugambi We, UMWAMI Imana azabanza asoze umurimo we wo gucungura mu Itorero rikomoka mu mahanga yose, maze abone guhindukirira Isirayeri (Abar.11; n'ahandi).

Abizera byukuri bihuje na bibilia bakagombye kwitwararika ibimenyetso by'ibihe, kandi bakitondera amagambo yavuzwe n'Umwami: "Ninubona i*byo bitangiye kuba, muzubure amaso yanyu murebe hejuri, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwegereje*" (Luka 21:28).

Nk'uko Pawuro yabwirij'umugambi w'Imana wose (Ibyak.20:27), kandi koko akigisha mu nzandiko ze buri ngingo na buri nyigisho byo muri Bibiliya, ni na ko byongeye kuba mu gihe cyacu. William Branham ni we wabaye umugabo watumwe n'Imana mu gihe cyacu. Yashoboye rwose kuzana umucyo bundi bushya kuri buri nyigisho fatizo y'Itorero. Yigishije nk'uko byahoze ku ntango iby'ubumana, iby'umubatizo, iby'ifunguro ry'Umwami, n'izindi ngingo zose, azisubiza ku rufatiro rw'intumwa.

Ntabwo tugomba gukomeza kwigiza inyuma ugukosora kugeza ubwo tuzatungurwa n'urubanza rwa nyuma: icyo gihe bizaba ar'impitagihe bidasubirwaho iteka ryose. Urubanza rurabanziriza ubu mu nzu y'Imana: "*Kuko ubu ari bwo urubanza rutangiriye mu nzu y'Imana. Kandi niba ari twe ahereyeho, ese amaherezo y'abatizer'Ubutumwa bwiza bw'Imana azaba*

*ayahe?*" (1Petero 4:17). Ubu ku isi yose, binyuze mu kibwirizwa cy'umwimerere, byose birimo gutunganywa no gusozerezwa mu Itorero rya Yesu Kristo ku isi yose.

Ubutumwa bwa nyuma nibumara kugera ku cyo bwohererejwe, Umwami azaherako agaruke nk'Umukwe (Mat.25:1-10) azanywe no kujyana Itorero-Mugeni (Yoh.14:3). Abari b'abanyabwenge, bazinjira mu cyumba cy'ubukwe nk'Umugeni w'Umwana w'Intama, (Ibyah.19:7). Nizera ibyo Umwami yabwiye Branham, ko ubutumwa yahawe ari bwo buzab'integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Ubu byose birimo biragera ku musozo, kimwe n'ikibwirizwa cy'umwimerere cy'Ijambo ry'Imana. Hahirwa ushobora kwizera Imana kimwe n'Aburahamu (Itang.17:5; Abar.4:17)!

Mu rwandiko rwa nyuma Pawuro yandikiye Timoteyo, yaranditse ati: "*Nyamara UMWAMI wacu yarampagarikiye arakomeza; kugira ngo ubutumwa bubwirizwe n'akanwa kanjye butagabanije, abanyamahanga bose babwumve. Kandi yankijije akanwa k'intare*" (2Tim 4:17). Nshimira UMWAMI wanjye cyane kuko yanyihamagaye, akantuma, akanyihera amabwiriza ye. Mu kurangiza, ndamushimira Amahirwe nagize yo gutwara Ijambo-butumwa nkabugeza ku isi yose kugeza Kuri uyu munsi. Icyubahiro kibe icye iteka ryose.

Twunze ubumwe cyane hamwe na benedata na bashiki bacu bose muri Kristo ku isi yose, kandi twibukana mu masengesho. Umwami ah'umugisha by'umwihariko benedata ku isi yose bagabura Ijambo ritavangiye, ibyokurya bitunganye by'Umwuka.

"*Ibasha kubarinda ngo mudasitara, no kubahagarika imbere y'ubwiza bwayo mudafite inenge ahubwo mwishimye bihebuje, ari yo Mana yonyine n'Umukiza wacu ku bwa Yesu Kristo umwami wacu, ihabwe icyubahiro, n'ubushobozi no kuganza n'ubutware, uhereye kera kose, na none n'iteka ryose! Amina*!" (Yuda 24:25).

Twese dutegereje ko ibyanditswe mu Batesaronika ba mbere 4:13-18 bisohora: "*Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya Marayika ukomeye, n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo ni bo bazabanza kuzuka; maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyanwe hamwe na bo, tuzamurwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere…*". Umwami abahe umugisha mwese.

Ukor'atumwe n'Imana

Benedata na bashiki banjye muri Kristo,

Uhereye ku itangiriro, nashoboye kumva ibibwirizwa bya mwenedata Buranhamu bisemuwe mu rurimi rw'ikidage, mu kanwa ka mwenedata Frank, nashoboye no gusoma inzandiko zizenguruka n'ibitabo yanditse ku ngingo nyamukuru za Bibiliya.

Ijambo ry'ubuhanuzi rireb'iby'igihe cyacu ryashyizwe mu mwanya waryo muri Bibiliya, kimwe n'ibintu bikomeye bijyanye n'igihe cya nyuma. Ibyo byagize uruhare rukomeye mu gukura kwacu kwo mu mwuka.

Nshobora ubwanjye guhamiriza umurimo w'imbaraga nyinshi ukorwa n'Umwuka w'Imana mu materaniro. Igihe cyose, Ijambo ry'Imana riduhishurirwa bundi bushya rivuye ku ntebe y'ubwami y'Imana.

Ku bw'ubuntu bw'Imana, nashoboye guherekeza mwenedata Frank mu ngendo ze zimwe, cyane cyane mu bihugu bivug'ururimi rw'igiporutugari.

Imbuto y'umwimerere, Ijambo ry'Imana ryarabibwe. Inyigisho intumwa z'Umwami zakiriye zarabwirijwe. Twagaruwe ku kwizera kwa ba data, nk'uko biri mu isezerano ryo muri Maraki 4:5-6. Ibyokurya byari byarahunitswe byaragabuwe, nkuko byanditswe muri Matayo 24:45-47.

Sinigeze numva mu kanwa ka mwenedata Frank ikindi kitar'Ijambo ry'Imana ritunganye. Hari benshi bagarukiye ku bukozi budasanzwe bwa mwenedata Buranhamu, bakaba bagoreka amagambo yavuze atoroshye gusobanura kugira ngo bazarimbuke (2Pet.3:16), abandi bakurikiye umurimo Imana irimo gukora maze bashyira buri kintu mu mwanya wacyo muri Bibiliya.

Ubu ukugaruka kw'Umwami kugeze ku rugi. Icyampa tukarushaho kugira umwete, kandi tugahora twerek'Imana umurimo wayo mu masengesho, tukamwereka n'utway'Ijambo ryayo by'umwihariko. Mubitekerezeho: ibyiza bir'imbere!

**Mu bumwe mu rukundi rwa Kristo**
**Mwene So Herimuti Misikisi**

Niba musaka kujya mwohererezwa udutabo twacu, mushobora kutwandikira Kuri aderesi ikurikira:
Mission Center
B.P. 100707
47707 Krefeld
Allemagne
.
Mushobora gukurikira kuri murandasi amateraniro yacu ya buri kwezi aba buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi. Kuwa gatandatu nimugoroba ni saa moya n'igice (19:30 GMT+1), naho ku cyumweru mu gitondo ni saa ine (10:00 GMT+1). Amateraniro asakazwa ku isi yose mu ndimi 13 zinyuranye
Prenez part à ce que Dieu est en train de faire maintenant selon Son Plan du Salut !

Nous avons ouvert notre propre canal YouTube: "Apostolic Prophetic Bible Ministry". Ubu twamaze gufunguza umuyoboro wacu bwite wa YouTube witwa:
"*Apostolic Prophetic Bible Ministry*"
Homepage: http://www.freie-volksmission.de
E-mail: volksmission@gmx.de
Fax: +49-2151/951293

Copyright © Par l'auteur et l'éditeur E.Frank